RWANDA

commonwealth games RWANDA

# Icyegeranyo cy'amakuru y'imikino yaranze icyumweru

2024 Tariki 22-25 Werurwe




P.1 RNOSC : Habaye inama y'Inteko Rusange Isanzwe

## Ijambo ry'ibanze

Komite Olempike y'u Rwanda yashyizeho iki cyegeranyo mu rwego rwo kurushaho kumenyekanisha ibikorwa byayo n'iby'abanyamuryango bayo (Amashyirahamwe y'Imikino mu Rwanda) hagamijwe gukomeza guteza imbere siporo no kuyikundisha Abanyarwanda muri rusange by'umwihariko abakiri bato.

Iki cyegeranyo gikubiyemo amakuru n'ibikorwa bya siporo byaranze icyumweru, kikazajya gisohoka rimwe mu cyumweru.

Ntigisimbura kandi izindi nzira Komite Olempike y'u Rwanda isanzwe ikoresha mu kugeza amakuru ku banyamuryango bayo n'abanyarwanda muri rusange.

## Ibirimo


P1 **RNOSC** : Habaye inama y'Inteko Rusange Isanzwe

P2 **Football :** Ikipe y'u Rwanda yitwaye neza mu mikino ya gicuti

P2 **Volleyball :** Habaye imikino ya shampiyona

P3 **African Games 2023 :** u Rwanda rwegukanye umudali umwe

P5 **Basketball :** Habaye imikino ya shampiyona

P5 **Football :** Rayon Sports yegukanye igikombe cya shampiyona mu bagore

P6 **Handball :** Habaye imikino y'umunsi wa mbere wa shampiyona

P7 **Football :** Hasojwe amahugurwa y'Abatoza ku rwego rwa CAF B

P7 **Rugby :** Hatangiye umwaka w'imikino wa 2024

P8 **Football :** APR FC yegukanye igikombe cya shampiyona y'icyiciro cya kabiri mu bagore

P8 **Sitting Volleyball :** Gisagara na Bugesera zegukanye shampiyona ya 2023-2024

1

# RNOSC : Habaye inama y'Inteko Rusange Isanzwe

Tariki 23 Werurwe 2024 muri Kigali Serena Hotel habereye inama y'Inteko Rusange Isanzwe ya Komite Olempike y'u Rwanda "RNOSC" ikaba yari yitabiriwe n' Abanyamuryango 32 muri 35.

Mbere yo gutangira inama, Abanyamuryango bose bafashe umunota wo kuzirikana bamwe mu bakanyujijeho mu ikipe y'igihugu mu mikino itandukanye bitabye Imana umwaka ushize wa 2023 n'intangiriro za 2024. Aba barimo Minani Théophile na Isibo Casius bakiniye ikipe y'igihugu ya Volleyball ndetse na Hakizimana Gervais wakinaga imikino ngororamubiri "Athletics".

Perezida w'agateganyo wa RNOSC, Umulinga Alice yatangiye inama aha ikaze abanyamuryango bitabiriye Inteko Rusange isanzwe isoza umwaka wa 2023, agaragaza ko ari umwanya mwiza wo gufatanyiriza hamwe nk'abanyamuryango gutegura neza imihigo y'uyu mwaka wa 2024.

Yashimiye abanyamuryango ku bw'umurava n'imbaraga bashyize mu bikorwa bigamije guteza imbere siporo mu mwaka wa 2023.

Yakomeye agaragaza ko mu mwaka wa 2023, Amashyirahamwe y'imikino atandukanye yabashije gutegura no kwitabira amarushanwa atandukanye yaba mpuzamahanga, ay'imbere mu gihugu n'ibindi bikorwa nk'amahugurwa n'inama ziga ku iteramabere rya Siporo bafite mu nshingano.

Ku bikorwa bya RNOSC mu mwaka wa 2023 harimo kwitabira imikino ya "African Beach Games", imikino ya "Commonwealth Youth", amahugurwa atandukanye y'abatoza ndetse n'abayobozi b'inzego za Siporo n'ibindi bikorwa bitandukanye.

Muri uyu mwaka 2024 hateganyijwe imikino Olempike ya Paris 2024, muri Nyakanga 2024, Perezida w'agateganyo wa RNOSC yasabye gukorera hamwe, cyane cyane amashyirahamwe afite abakinnyi barimo kwitegura kugira ngo bategurwe mu buryo buzababafasha kuyitabira kandi bikazatanga n'umusaruro ufatika.

Yashimiye kandi Ministeri ya Siporo idahwema gushyigikira ibikorwa bya Komite Olempike y'u Rwanda ndetse n'iby'abanyamuryango muri rusange anizeza gukomeza ubufatanye muri uru rugendo rwo guteza imbere Siporo.

Abanyamuryango bemeje Perezida wa Komisiyo y'Abakinnyi muri RNOSC, Mugabe Aristide watowe ku wa 12 Gashyantare 2023.

Visi Perezida wa Kabiri wa RNOSC, Umutoni Salama yagejeje ku banyamuryango raporo y'ibikorwa bya RNOSC/CGA Rwanda by'umwaka wa 2023.

Umubitsi wa RNOSC, Gakwaya Christian yagejeje ku bayamuryango raporo y'icungamutungo y'umwaka wa 2023 n'ingengo y'imari y'ibikorwa biteganyijwe mu mwaka wa 2024.

Abanyamuryango ba RNOSC bagejejweho Raporo y'Abagenzuzi (Internal Audit) yakozwe na Komite Ngenzuzi ya RNOSC na Raporo y'Abagenzuzi bigenga (External Audit) yakozwe na ING Associates Ltd. Izi Raporo zombi abanyamuryango bakaba barazikoreye ubugorangingo.

Abanyamuryango ba RNOSC bemeje Raporo ya GMT 2023, banemeza ko Komite yateguye GTM 2023 yongererwa manda ikazanategura GMT 2024. Iyi Komite igizwe na Sharangabo Alexis OLY, Ingabire Assia, Murema Jean Baptiste, Uwiragiye Marc na Mukeshimana Assumpta.

Mu gusoza Inama y'Inteko Rusange isanzwe ya RNOSC, Umuyobozi Mukuru Ushinzwe Iterambere rya Siporo muri MINISPORTS, Rwego Ngarambe yijeje abanyamuryango ba RNOSC gukomeza gufatanya mu bikorwa byose biganisha ku iterambere rya Siporo.






## **Football :** Ikipe y'u Rwanda yitwaye neza mu mikino ya gicuti

Tariki 22 na 25 Werurwe 2024, ikipe y' u Rwanda "Amavubi" yitwaye neza mu mikino ya gicuti yabereye muri Madagascar.

Iyi kipe yitwaye neza tariki 22 Werurwe 2024 inganya na Bostwana 0-0 nyuma tariki 25 Werurwe 2024 itsinda Madagascar ibitego 2-0 byatsinzwe na Mugisha Gilbert na Bizimana Djihad.

Iyi mikino yabaye mu mwanya wahariwe imikino ya gicuti washyizweho n'ishyirahamwe ry'umupira w'amaguru ku Isi "FIFA" kugira ngo ufashe amakipe y'ibihugu kwitegura imikino mpuzamahanga itandukanye.

Ku ruhande rw'u Rwanda wari umwanya mwiza wo kwitegura imikino y'umunsi wa 3 n'uwa 4 yo gushaka itike y'igikombe cy' Isi "FIFA World Cup 2026" mu itsinda C izaba muri Kamena 2024 aho ikipe y'u Rwanda izakina na Benin na Lesotho.

Kugeza ubu muri iri tsinda C, ikipe y'u Rwanda iyoboye itsinda n'amanota 4 ikurikiwe na South Africa n'amanota 3, Nigeria, Lesotho, Zimbabwe zifite amanota 2 na Benin iri ku mwanya wa 6 ifite inota 1.

**Uko imikino ya gicuti yagenze**
**Tariki 22-03-2024**

- Botswana **0-0** Rwanda

**Tariki 25-03-2024**

- Rwanda **2-0** Madagascar





## **Volleyball :** Habaye imikino ya shampiyona


Tariki 24 Werurwe 2024 mu Mujyi wa Kigali habereye imikino ya shampiyona y'icyiciro cya mbere mu mukino wa Volleyball mu bagabo n'abagore.

**Uko imikino yagenze**










FRVB NATIONAL LEAGUE 2024 — SERIE A MEN — 1ST PHASE LAST ROUND RANKING

| RK | TEAMS | POINTS | MATCHES W | MATCHES L | MATCHES T | SETS RATION | POINTS RATION |
|---|---|---|---|---|---|---|---|
| 1 | REG | 23 | 8 | 1 | 9 | 24/6=4 | 719/514=1.398 |
| 2 | KEPLER | 21 | 7 | 2 | 9 | 23/8=2.875 | 740/657=1.126 |
| 3 | APR | 20 | 7 | 2 | 9 | 23/11=2.090 | 772/682=1.131 |
| 4 | POLICE | 20 | 6 | 3 | 9 | 22/10=2.2 | 741/599=1.239 |
| 5 | GISAGARA | 19 | 6 | 3 | 9 | 21/11=1.909 | 684/646=1.058 |
| 6 | IPRC NGOMA | 14 | 5 | 4 | 9 | 16/13=1.230 | 679/696=0.975 |
| 7 | KVC | 8 | 3 | 6 | 9 | 11/19=0.578 | 651/769=0.846 |
| 8 | KIREHE | 6 | 2 | 7 | 9 | 8/23=0.347 | 636/755=0.842 |
| 9 | EAU | 3 | 1 | 8 | 9 | 5/24=0.208 | 594/706=0.841 |
| 10 | IPRC MUSANZE | 0 | 0 | 9 | 9 | 4/23=0.173 | 547/753=0.726 |



FRVB NATIONAL LEAGUE 2024 — SERIE A WOMEN — 1ST PHASE LAST ROUND RANKING

| RK | TEAMS | POINTS | MATCHES W | MATCHES L | MATCHES T | SETS RATION | POINTS RATION |
|---|---|---|---|---|---|---|---|
| 1 | APR | 13 | 4 | 1 | 5 | 14/3=4.666 | 415/311=1.334 |
| 2 | POLICE | 12 | 4 | 1 | 5 | 14/5=2.8 | 434/341=1.272 |
| 3 | RRA | 11 | 4 | 1 | 5 | 15/3=5 | 406/356=1.140 |
| 4 | EAU | 5 | 2 | 3 | 5 | 7/11=0.636 | 400/414=0.966 |
| 5 | RUHANGO | 4 | 1 | 4 | 5 | 5/13=0.384 | 351/429=0.818 |
| 6 | IPRC KIGALI | 0 | 0 | 5 | 5 | 1/15=0.066 | 282/397=0.710 |

PLAYOFFS

#FRVBSERIEA #RWANDAVOLLEYBALL

KIGALITODAY FORZZA





# African Games 2023 : u Rwanda rwegukanye umudali umwe

Kuva tariki 08 kugeza 23 Werurwe 2024, Accra muri Ghana habereye imikino y'Afurika ku nshuro ya 13 "African Games 2023" aho u Rwandwa rwegukanye umudali umwe wa Bronze. Muri iyi mikino u Rwanda rwaserukiwe n'abakinnyi 32 mu mikino 7 itandukanye irimo Cricket, Beach Volleyball, Amagare "Cycling", imikino ngororamubiri "Athletics", Triathlon, Taekwondo na Basketball 3x3.



**Uko imikino yagenze**

- **Cricket**

Muri Cricket hitabiriye ikipe y'abagore aho yari mu itsinda itsinda B hamwe na Zimbabwe, Uganda na Kenya. Iyi kipe yaviriyemo mu majonjora itsinzwe imikino yose uko ari 3. Imikino yabaye tariki 07 kugeza 13 Werurwe 2024.




Ikipe ya Zimbabwe ni yo yegukanye umwanya wa mbere ikurikirwa na South Afrrica naho Nigeria isoreza ku mwanya wa 3

- **Beach Volleyball**

Muri iki cyiciro, imikino yabaye tariki 10 kugeza 14 Werurwe 2024, u Rwanda rwaserukiwe n'amakipe abiri, iy'abagabo yari igizwe na Ntegengwa Olivier afatanyije na Gatsinzi Venuste na Mukandayisenga Benitha na Munezero Valentine



Mu bagabo, ikipe y'u Rwanda (Ntegengwa Olivier na Gatsinzi Venuste) yari iri mu itsinda D hamwe na Algeria na Nigeria. Iyi kipe yatsinzwe na Nigeria amaseti 2-1 itsinda Algeria amaseti 2-0. Mu gushaka itike ya ¼, ikipe y'u Rwanda yatsinzwe Kenya amaseti 2-0.

Ikipe ya Maroc ni yegukanye umwanya wa mbere ikurikiwe na South Africa na Botswana.



Mu bagore, ikipe y'u Rwada (Mukandayisenga Benitha na Munezero Valentine) yari iri mu itsinda C hamwe na Mozambique na Angola. Ikipe y'u Rwanda yatsinzwe na Angola amaseti 2-0 nyuma itsinda Mozambique amaseti 2-1. Mu gushaka itike ya ¼, ikipe y'u Rwanda yatsinze Gambia amaseti 2-0. Muri ¼, ikipe y'u Rwanda yatsinze Maroc amaseti 2-1. Muri ½ , ikipe y'u Rwanda yatsinzwe na Misiri amaseti 2-0. Mu guhatanira umwanya wa 3 "Bronze Medal", ikipe y'u Rwanda yatsinzwe na Nigeria amaseti 2-0.

Ikipe ya Misiri ni yo yegukanye umudali wa Zahabu itsinze Mombique ku mukino wa nyuma amaseti 2-1.

**Komeza kuri P.4**

# African Games 2023 : u Rwanda rwegukanye umudali umwe

### Ibikurikira kuri P.3

- **Cycling**

Irushanwa ryabaye kuva tariki 09 kugeza 16 Werurwe 2024. Abakinnyi 3 ni bo bari baserukiye u Rwanda ari bo Mugisha Moise na Masengesho mu bagabo, aba bakaba nta mudali begukanye.

Mu bagore, Ingabire Diane yitwaye neza muri "Criterium" yegukana umudali wa Bronze.

- **Athletics**

Umukinnyi umwe, Imanizabayo Emeline ni we wasurikiye u Rwanda aho tariki 18 Werurwe 2024 yasiganwe muri metero 5000 asoreza ku mwanya wa 8 akoresheje iminota 15 n'amasegonda 56.

- **Triathlon**

Muri uyu mukino, Uwineza Hanani ni we wahatanye mu cyiciro cy'abagore aho yasoreje ku mwanya wa 15. Irushanwa ryabaye tariki 15 Werurwe 2024.

- **Taekwondo**

Umukinnyi, Ndacyayisenga Aline ni we wasurikiye u Rwanda aho yaviriyemo mu majonjora.

- **Basketball 3x3**

Irushanwa ryabaye tariki 18 kugeza 22 Werurwe 2024, u Rwanda rwari ruhagarariwe n'ikipe y'abahungu n'abakobwa batarengeje imyaka 23.

Mu bahungu, ikipe yari igizwe na Uwitonze Justin, Kwizera Hubert Sage, Mugalu Lukwanga Mike na Twizerimana Cyiza Nshuti Chandelier naho iy'abakobwa igizwe na Mwizerwa Faustine, Dusabe Jane, Akaliza Nelly na Uwimpuhwe Violette.

Ikipe y'u Rwanda mu bahungu yari iri mu itsinda A hamwe Central African Republic, Ivory Coast na Egypt.

**Uko imikino yagenze**

- Rwanda **18-16** Ivory Coast
- Rwanda **5-10** Central African Republic
- Rwanda **16-12** Egypt

¼

- Rwanda **14-21** Algeria

Ikipe y'u Rwanda mu bakobwa yari iri mu itsinda B hamwe na Mali, Ethiopia, RDC na Algeria

- Rwanda **22-10** Ethiopia
- Rwanda **15-12** RDC
- Rwanda **13-12** Algeria
- Rwanda **9-8** Mali

¼

- Rwanda **19-21** Benin

Ikipe ya Mali ni yo yegukanye umwanya wa mbere ikurikirwa na Nigeria na RDC

Iyi mikino y'Afurika "African Games 2023" yari yitabiriwe muri rusange n'abakinnyi 2,644 baturutse mu bihugu 53. Misiri ni yegukanye imidali myinshi 192 ikurikiwe na Nigeria (121) na South Africa (106). Imikino y'Afurika itaha muri 2027 izabera mu Misiri.












## **Basketball :** Habaye imikino ya shampiyona

Tariki 23 na 24 Werurwe 2024 habaye imikino ya shampiyona ya Basketball "Rwanda Basketball League 2024" mu cyiciro cya mbere mu bagabo n'abagore ndetse n'icyiciro cya kabiri mu bagabo.

**Uko imikino yagenze**
**Icyiciro cya mbere**
**Mu bagabo**
**Tariki 23-03-2024**

- Inspired Generation **67-83** Kigali Titans

**Mu bagore**
**Tariki 23-03-2024**

- EAUR **57-67** GS Marie Reine Rwaza

**Icyiciro cya kabiri**
**Mu bagabo**
**Tariki 23-03-2024**

- Nyagatare BBC **58-50** Rebero BA

**Tariki 24-03-2024**

- Nyagatare **74-92** Agahozo Shalom







## **Football :** Rayon Sports yegukanye igikombe cya shampiyona mu bagore

Tariki 23 Werurwe 2024 i Rwamagana habereye umukino wa shampiyona y'icyiciro cya mbere mu mupira w'amaguru mu bagore "Rwanda Women National League 2023-2024" maze ikipe ya Rayon Sports yitwara neza itsinda Muhazi FC igitego 1-0 cyatsinzwe na Mukandayisenga Jeanine bituma ihita yegukana igikombe cya shampiyona.

Iyi kipe ya Rayon Sports irimo gukina shampiyona y'icyiciro cya mbere ku nshuro ya mbere nyuma gutsinda Muhazi FC yahise igira amanota 58 irusha AS Kigali amanota 4 kuko ifite 54 mu gihe hasigaye umukino umwe ngo shampiyona isozwe.







# Handball : Habaye imikino y'umunsi wa mbere wa shampiyona

Tariki 23 na 24 Werurwe 2024 habaye imikino y'umunsi wa mbere ya shampiyona y'umukino wa Handball mu bagabo n'abagore "Handball National League 2024".

**Uko imikino yagenze**

## 2024 MEN'S HANDBALL NATIONAL LEAGUE

RESULTS || 1ST DIVISION

SATURDAY 23 MARCH 2024

| 1ST ROUND - DAY 1 | | |
|---|---|---|
| ES KIGOMA | 31 - 24 | UR RUKARA |
| UR RUKARA | 13 - 49 | POLICE HC |
| POLICE HC | 33 - 13 | ES KIGOMA |

VENUE: KIGOMA

| 1ST ROUND - DAY 1 | | |
|---|---|---|
| ADEGI | 30 - 35 | UR HUYE |
| UR HUYE | 23 - 45 | APR HC |
| APR HC | 26 - 09 | ADEGI |

VENUE: ADEGI GITUZA

| 1ST ROUND - DAY 1 | | |
|---|---|---|
| GORILLAS HC | 25 - 27 | NYAKABANDA HC |

VENUE: KIMISAGARA

SUNDAY 24 MARCH 2024

| 1ST ROUND - DAY 2 | | |
|---|---|---|
| ES KIGOMA | 27 - 21 | UR HUYE |
| UR HUYE | 37 - 31 | NYAKABANDA HC |
| NYAKABANDA HC | 28 - 34 | ES KIGOMA |

VENUE: KIGOMA

| 1ST ROUND - DAY 2 | | |
|---|---|---|
| POLICE HC | 46 - 21 | ADEGI |

VENUE: ADEGI GITUZA

| 1ST ROUND - DAY 2 | | |
|---|---|---|
| GORILLAS HC | 38 - 22 | UR RUKARA |
| UR RUKARA | 14 - 33 | APR HC |
| APR HC | 42 - 20 | GORILLAS HC |

VENUE: KIMISAGARA



## 2024 WOMEN'S ANDBALL NATIONAL LEAGUE

RESULTS & FIXTURES || 1ST DIVISION

SUNDAY 24 MARCH 2024

| 1ST ROUND - DAY 1 | | |
|---|---|---|
| ISF NYAMASHEKE | 34 - 15 | UR-HUYE |
| UR-HUYE | 10 - 33 | ES SC NYAMAGABE |
| ES SC NYAMAGABE | 27 - 17 | ISF NYAMASHEKE |

VENUE: ISF NYAMASHEKE

SATURDAY 30 MARCH 2024

| 1ST ROUND - DAY 1 | | |
|---|---|---|
| THREE STARS | 9:00 | UR-RUKARA |
| UNIVERSITY OF KIGALI | 10:30 | FALCONS |
| FALCONS | 12:00 | THREE STARS |
| UR-RUKARA | 13:30 | UNIVERSITY OF KIGALI |

VENUE: KIMISAGARA

SATURDAY 20 APRIL 2024

| 1ST ROUND - DAY 1 | | |
|---|---|---|
| KIZIGURO SS | 9:00 | TTC DE LA SALLE |
| FALCONS | 10:30 | ISF NYAMASHEKE |
| TTC DE LA SALLE | 12:00 | FALCONS |
| ISF NYAMASHEKE | 13:30 | KIZIGURO SS |

VENUE: KIZIGURO SS

## 2024 MEN'S HANDBALL NATIONAL LEAGUE

1ST DIVISION || TABLE || DAY 2

| # | CLUBS | GP | W | D | L | GF | GA | GD | PTS |
|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|
| 1 | APR HC | 4 | 4 | 0 | 0 | 146 | 66 | 80 | 12 |
| 2 | ES KIGOMA | 4 | 3 | 0 | 1 | 105 | 106 | -1 | 10 |
| 3 | POLICE HC | 3 | 3 | 0 | 0 | 128 | 47 | 81 | 9 |
| 4 | UR HUYE | 4 | 2 | 0 | 2 | 116 | 133 | -17 | 8 |
| 5 | GORILLAS HC | 3 | 1 | 0 | 2 | 83 | 91 | -8 | 5 |
| 6 | NYAKABANDA HC | 3 | 1 | 0 | 2 | 86 | 96 | -10 | 5 |
| 7 | UR RUKARA | 4 | 0 | 0 | 4 | 73 | 151 | -78 | 4 |
| 8 | ADEGI | 3 | 0 | 0 | 3 | 60 | 107 | -47 | 3 |
| 9 | GICUMBI HT | 0 | 0 | 0 | 0 | 0 | 0 | 0 | 0 |

## 2024 WOMEN'S HANDBALL NATIONAL LEAGUE

1ST DIVISION || TABLE || DAY 1

| # | CLUBS | GP | W | D | L | GF | GA | GD | PTS |
|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|
| 1 | ESC NYAMAGABE | 2 | 2 | 0 | 0 | 60 | 27 | 33 | 6 |
| 2 | ISF NYAMASHEKE | 2 | 1 | 0 | 1 | 51 | 39 | 12 | 4 |
| 3 | UR HUYE | 2 | 0 | 0 | 2 | 22 | 67 | -45 | 2 |
| 4 | KIZIGURO SS | 0 | 0 | 0 | 0 | 0 | 0 | 0 | 0 |
| 5 | UR RUKARA | 0 | 0 | 0 | 0 | 0 | 0 | 0 | 0 |
| 6 | FALCONS | 0 | 0 | 0 | 0 | 0 | 0 | 0 | 0 |
| 7 | UOK | 0 | 0 | 0 | 0 | 0 | 0 | 0 | 0 |
| 8 | TTC DE LA SALLE | 0 | 0 | 0 | 0 | 0 | 0 | 0 | 0 |

FERWAHAND

## **Football :** Hasojwe amahugurwa y'Abatoza ku rwego rwa CAF B

Tariki 23 Werurwe 2024 ni bwo hasojweamahugurwa amahugurwa y'Abatoza ku rwego rwa CAF B. Aya mahugurwa akaba yari yatangiye mu Kuboza 2023 aho yakoreshwaga n'umuyobozi wa Tekinike mu ishyirahamwe ry'umupira w'amaguru mu Rwanda "FERWAFA", Gérard Buscher hamwe n'abandi barimu b'Abanyarwanda ba CAF "CAF Instructors" barimo Seninga Innocent, Rutsindura Antoine n'abandi.







## **Rugby :** Hatangiye umwaka w'imikino wa 2024

Tariki 23 Werurwe 2024 ni bwo hatangiye shampiyona y'icyiciro cya mbere mu bagabo mu mukino wa Rugby "Rwanda Rugby National League 2024".

Ku munsi wa mbere habaye imikino ibiri aho Rwamagana Hippos RFC yakiriye Kamonyi Pumas RFC naho UR Grizzlies yakira Gitisi TSS.


**Uko imikino yagenze**

- Rwamagana Hippos RFC **00-06** Kamonyi Pumas RFC
- UR Grizzlies **12-13** Gitisi TSS

Iyi shampiyona yitabiriwe n'amakpe 8 aho yashyizwe mu matsinda 2, itsinda A rigizwe na Kamonyi Pumas RFC, Rwamagana Hippos RFC, Lion de Fer RFC, Kigali Sharks RFC na Burera Tigers RFC naho itsinda B ririmo Gitisi RFC, UR Grizzlies na Resilience RFC.






RRF
RWANDA RUGBY FEDERATIO
RWANDA RUGBY NATIONAL LEAGUE 2024
After 1st Week Standings

GROUP A

| Nº | TEAMS | P | W | D | L | PF | PA | PD | BP | PTS |
|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|
| 1 | Puma RFC | 1 | 1 | 0 | 0 | 6 | 0 | 6 | 0 | 4 |
| 2 | Rwamagana Hippos RFC | 1 | 0 | 0 | 1 | 0 | 6 | -6 | 1 | 1 |
| 3 | Lion De Fer RFC | 0 | 0 | 0 | 0 | 0 | 0 | 0 | 0 | 0 |
| 4 | Kigali Sharks RFC | 0 | 0 | 0 | 0 | 0 | 0 | 0 | 0 | 0 |
| 5 | Burera Tigers RFC | 0 | 0 | 0 | 0 | 0 | 0 | 0 | 0 | 0 |

GROUP B

| Nº | TEAMS | P | W | D | L | PF | PA | PD | BP | PTS |
|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|
| 1 | Gitisi RFC | 1 | 1 | 0 | 0 | 13 | 12 | 1 | 0 | 4 |
| 2 | UR Grizzlies | 1 | 0 | 0 | 1 | 12 | 13 | -1 | 1 | 1 |
| 3 | Resilience RFC | 0 | 0 | 0 | 0 | 0 | 0 | 0 | 0 | 0 |



## **Football :** APR FC yegukanye igikombe cya shampiyona y'icyiciro cya kabiri mu bagore

Tariki 24 Werurwe 2024 kuri Kigali Pele Stadium i Nyamirambo habereye umukino wa nyuma w'icyiciro cya kabiri mu mupira w'amaguru mu bagore.

Ikipe ya APR FC yitwaye neza itsinda Forever FC ibitego 3-0 ihita yegukana igikombe. Aya makipe yombi akaba yarabonye itike yo kuzakina shampiyona y'icyiciro cya mbere mu bagore umwaka utaha w'imikino 2024-2025.







## **Sitting Volleyball :** Gisagara na Bugesera zegukanye shampiyona ya 2023-2024

Tariki 23 na 24 Werurwe 2024 kuri Sitade ya Bugesera habereye imikino ya nyuma ya shampiyona ya Sitting Volleyball mu bagabo n'abagore "Sitting Volleyball Championship 2023-2024".

Ikipe ya Gisagara mu bagabo na Bugesera mu bagore ni zo zegukanye iki gikombe.

Iyi mikino ya nyuma yahuje amakipe 4 mu bagore aho yahereye muri ½ cy'irangiza. Ikipe ya Bugesera yatsinze Musanze amaseti 3-0 (25-10, 25-23 na 25-23) naho Gicumbi itsinda Nyarugenge amaseti 3-0 (25-12, 25-11 na 25-17).

Ku mukino wa nyuma Bugesera yatsinze Gicumbi amaseti 3-2 (14-25, 23-25, 25-21, 25-16 na 15-10) naho Musanze yegukana umwanya wa 3 itsinze Nyarugenge amaseti 3-0 (25-20, 39-37 na 25-21).

Mu bagabo, imikino yahereye muri ¼ aho Gasabo yatsinze Rubavu amaseti 2-0, Musanze itsinze Burera amaseti 2-0, Rusizi itsinda Nyagatare amaseti 2-0 naho Gisagara itsinda Rwamagana amaseti 2-0.

Muri ½ , Gasabo yatsinze Rusizi amaseti 3-0 (25-15, 25-18 na 25-20) naho Gisagara itsinda Musanze amaseti 3-2 (26-24,15-25, 25-21,19-25 na 15-13).

Ikipe ya Gisagara yegukanye igikombe itsinze Gasabo amaseti 3-2 (25-17, 22-25,14-25, 26-24 na 15-12) naho Musanze yegukana umwanya wa 3 itsinze Rusizi amaseti 3-0 (25-15, 25-21 na 25-25)

**Uko amakipe yakurikiranye**

- **Abagore**

**1.** Bugesera
**2.** Gicumbi
**3.** Musanze

- **Abagabo**

**1.** Gisagara
**2.** Gasabo
**3.** Musanze





RWANDA

commonwealth games RWANDA

Website: www.olympicrwanda.org
www.olympicrwanda.org/commonwealth
Email: cnosr@olympicrwanda.org | @RwandaOlympic

Address: Remera–Hallmark Center Building KG 17 Ave